**IJAMBO MU MUHANGO WO GUTANGIZA IMIRIMO ITEGURA SINODI Y'ABEPISKOPI KU RWEGO RWA DIYOSEZI**

***Ruhengeri, kuwa 16 Ukwakira 2021***

Basaserdoti,

Bihayimana,

Bakristu bavandimwe,

Mbanje kubaramutsa mbifuriza amahoro n'umugisha bikomoka ku Mana Umubyeyi wacu. Ndagira ngo kandi mbashimire ko mwitabiriye iyi gahunda mwamenyeshejwe muri iyi minsi mike cyane.

Iyi ni gahunda twinjiyemo, twunze ubumwe na Papa Fransisko watekereje kandi akagena ko mu kwezi k'Ukwakira 2023 hazaba Sinodi isanzwe y'Abepiskopi. Yagennye ko iyo Sinodi yategurwa mu gihe cy'imyaka ibiri aho abagize umuryango w'abana b'Imana bose babigiramo uruhare. Insanganyamatsiko y'iyo Sinodi iragira iti: "**Kiliziya igendera hamwe : mu bumwe, mu bufatanye no mu butumwa " (*Pour une Eglise synodale: Communion, participation, mission")*.

Duhuye rero uyu munsi kugira ngo dutangize mu rwego rwa Diyosezi yacu imirimo yo gutegura iyo Sinodi. Nk'uko mubizi, Sinodi ni ijambo riva ku rurimi rw'ikigereki risobanura **kujyana, kugendera hamwe** *(faire route ensemble/marcher ensemble).* Mu mateka ya Kiliziya, iryo jambo ryaje gusobanura inama zitandukanye za Kiliziya Papa n'Abepiskopi bagiye bagirana bagafatiramo ibyemezo bifasha Kiliziya muri gahunda yo kwivugurura mu buzima bwayo no mu butumwa bwayo.

Nk'uko Papa yabyifuje, turagira ngo dutangire urwo rugendo rwo kugendera hamwe. Ni ngombwa kurutangira tuzi icyo ruvuga n'ibizarukorwamo. Niyo mpamvu ari byiza kwibukiranya inkomoko ya Sinodi y'Abepiskopi na za Sinodi zabayeho kugirango tuze kugera kuri iyi ngiyi tugiye kwinjiramo.

## 1. SINODI NK'IMBUTO Y'INAMA NKURU YA KILIZIYA

Mu mbuto nyinshi zakomotse ku Nama Nkuru ya Kiliziya (Concile Vatican II), harimo no kuba iyi Nama yaratumye habaho urwego rwa Sinodi y'Abepiskopi. Iyi mbuto yabanje gutegurirwa. Habayeho abagaragaje ibitekerezo biyiganishaho.

Mu mwaka w'i 1959, Karidinali Silvio Oddi (wari Arkiyepiskopi Pro-Nonce Apostolique mu Misiri) yari yatanze igitekerezo ko hajyaho akanama ngishwanama (*corps consultatif*) cyangwa se akanama gato (*concile en miniature*) gashobora guterana mu gihe kigenwe kugira ngo kungurane ibitekerezo bigamije guha umurongo ikenurabushyo rya Kiliziya. Mbere gato y'impera z'uwo mwaka, Karidinali Bernard Jan Alfrink (Arkiyepiskopi wa Utrecht mu Buholandi) we yavugaga gushyiraho urwego rushya rwashobora kuba inama ihoraho y'Abepiskopi yajya igena uko ibintu bigenda ifatanije na Papa hamwe n'aba Karidinali b'i

Roma bo muri curie romaine. Karidinali Giovanni Battista Montini waje kuba Papa Paul VI (wari Arkiyepiskopi wa Milan) we yavugaga ubufatanye buhoraho bw'urwego rw'Abepiskopi (*collaboration permanente de l'épiscopat*) mu kuyobora Kiliziya. Amaze kuba Papa, yakomeje gushyigikira ubwo bufatanye mu rwego rw'Abepiskopi.

Ku itariki ya 14 Nzeri 1965 mu ijambo yagejeje kubari mu Nama Nkuru ya Kiliziya (Vatican II), yabamenyesheje icyifuzo cye cyo gushyiraho urwego rwa Sinodi y'Abepiskopi (Synode des évêques) mu magambo akurikira : « Ni ibyishimo kuri twebwe kubamenyeshako hagiye kuzajyaho urwego rwa Sinodi y'Abepiskopi » *(*Paul VI, Discours lors de l'ouverture de la 4ème session du Concile).

Umunsi ukurikiyeho tariki ya 15 Nzeri, Paul VI yahise ashyiraho urwo rwego rwa Sinodi y'Abepiskopi abigirishije urwandiko rwe Motu Proprio « *Apostolica Sollicitudo* ». Umwaka ukurikiyeho kuwa 8 Ukuboza 1966, hagiyeho amategeko ya mbere agenga urwo rwego. Nyamara muri Angelus yo kuwa 22 Nzeri 1974, yasobanuye neza ibijyanye n'ishyirwaho ndetse n'ububasha bwarwo. Avuga ko ari urwego yashyizeho agendeye ku bimenyetso by'igihe mu gihe cy'Inama Nkuru ya Kiliziya (Vatican II) kugira ngo ruteze imbere ubumwe no kugendera hamwe mu gushaka ibisubizo by'ibibazo Kiliziya ihura nabyo mu butumwa bwayo. Ntabwo ari Konsili, si inama ishinga amategeko ahubwo ni Sinodi, urugendo abantu bafatanije

Muri ubwo buryo no kubw'ayo mateka rero biragaragara ko Sinodi y'Abepiskopi ari imbuto yeze ku Nama Nkuru ya Kiliziya yabereye i Vatikani ku nshuro ya kabiri (Vatican II). Yaje mu rwego rwo gushaka uburyo bwo gukorerera hamwe ku Bepiskopi, nk'inshingano bahuriyeho bunze ubumwe na Papa kandi bayobowe nawe.

Igitabo cy'amategeko ya Kiliziya (*Droit canon*) kivuga ko inama y'Abepiskopi bavuye mu duce dutandukanye tw'isi bahura mu gihe cyagenwe ngo bunge ubumwe na Papa bamufashishe inama zabo mu rwego rwo gukomera no guteza imbere ukwemera n'imigenzereze ya gikristu, kugira ngo bateze imbere disipuline ya Kiliziya kandi ngo bige ibibazo bijyanye n'ubutumwa bwa Kiliziya *(CC 342*).

Igitabo cy'amategeko ya Kiliziya hamwe n'amategeko agenga Sinode, Motu Proprio *Apostolica sollicitudo*, byuzuzanya byemeza inshingano n'ububasha bwa Papa kuri Sinodi y'Abepiskopi. Papa niwe iyihamagaza, akayiyobora mu migendekere yayo, mu guhitamo abayitabira, mu guhitamo ingingo yigwaho no mu gutangaza ibiyivuyemo.

Kubw'izo nshingano za Papa, bihita bigaragara ko Sinodi y'Abepiskopi ari urwego ngishwanama rushinzwe kumugira inama no kumuha ibitekerezo (*propositions*) mu byagirira akamaro Kiliziya. Niwe wenyine ufata icyemezo cyo gutangaza inyandiko isoza Sinodi, itegurwa kandi ikandikwa n'akanama ashyiraho iyo Sinodi ishoje imirimo yayo, ariko amaze kuyikorera ubugororangingo,

Nk'uko abenshi babizi, Sinodi y'Abepiskopi ibamo uburyo butatu. Ishobora kuba :

- Sinodi rusange y'Abepiskopi isanzwe (Assemblée générale ordinaire)
- Sinode rusange y'Abepiskopi idasanzwe (Assemblée générale extraordinaire)
- Sinodi y'Abepiskopi yihariye (Synode spécial)

Sinodi rusange y'Abepiskopi isanzwe yiga ibibazo rusange bya Kiliziya y'isi yose, nk'iyo mu 1977 yize ku bijyanye na catéchèse. Sinodi rusange y'Abepiskopi idasanzwe iterana kugira

ngo yige ibibazo bisaba igisubizo cyihuse, nka sinodi yo mu 1985 yize ibijyanye na yubile y'imyaka 20 ya Konsili yabereye i Vatikani ubwa kabiri. Sinodi yihariye ireba kandi yiga ibibazo byihariye bya za Kiliziya zihariye z'agace runaka, nka sinodi Nyafurika.

## 2. SINODI UKO ZAGIYE ZIKURIKIRANA

Kuva urwego rwa Sinodi y'Abepiskopi rwajyaho mu 1965, hamaze guterana Sinodi 29 harimo :

- **15 Sinodi rusange z'Abepiskopi zisanzwe**
    1. 1967 : Préservation et renforcement de la foi catholique, son intégrité, sa vigueur, son expression, sa cohésion doctrinale et historique
    2. 1971 : Le sacerdoce ministériel et la justice dans le monde
    3. 1974 : L'évangélisation dans le monde moderne
    4. 1977 : La catéchèse en notre temps
    5. 1980 : La famille chrétienne
    6. 1983 : La réconciliation et la pénitence dans la mission de l'Eglise
    7. 1987 : La vocation et la mission des laïcs dans l'Eglise et dans le monde
    8. 1990 : La formation des prêtres dans les circonstances actuelles
    9. 1994 : La vie consacrée et sa mission dans l'Eglise et dans le monde
    10. 2001 : L'Evêque : serviteur de l'Evangile de Jésus Christ pour l'Esperance du monde
    11. 2005 : L'Eucharistie : source et sommet de la vie et de la mission de l'Eglise
    12. 2008 : La Parole de Dieu dans la vie et la mission de l'Eglise
    13. 2012 : La nouvelle évangélisation pour la transmission de la foi chrétienne
    14. 2015 : La vocation et la mission de la famille dans l'Eglise et dans le monde contemporain
    15. 2018 : Les jeunes, la foi et le discernement vocationnel
- **3 Sinodi rusange z'Abepiskopi zidasanzwe :**
    1. 1969 : Sur les relations des conférences épiscopales entre elles et avec le Saint Siège
    2. 1985 : Sur le 20ème anniversaire de la conclusion du Concile Vatican II
    3. 2014 : Sur les défis pastoraux de la famille dans le contexte de l'Evangélisation
- **11 Sinodi z'Abepiskopi zihariye :**
    1. 1979-1980 : Pour les Pays Bas
    2. 1991 : Pour l'Europe
    3. 1994 : Pour l'Afrique
    4. 1995 : Pour le Liban
    5. 1997 : Pour l'Amérique
    6. 1998 : Pour l'Asie
    7. 1998 : Pour l'Océanie
    8. 1999 : Pour l'Europe
    9. 2009 : Pour l'Afrique
    10. 2010 : Pour le Moyen orient
    11. 2019 : Pour l'Amazonie

Imibare y'abitabira izi Sinodi zose n'igihe buri Sinodi imara biterwa n'uko Papa yabigennye. Usibye za Sinode ebyiri iyo mu Buholandi n'iya Libani zagize abazitabira 19 na 69, izindi zakurikiyeho zagiye zitabirwa n'abantu bari hagati ya 117 na 247 nibura kugera mu mwaka wa 2009. Iyabaye ndende ni iyo mu mwaka w'i 1971 yize ku byerekeranye n'ubusaserdoti n'ubutabera ku isi (kuva kuwa 30/9 kugeza kuwa 6/11/1971 : *ukwezi kurenzeho icyumweru*).

Iyagize igihe kigufi ni iyo mu 1985 (kuva kuwa 25/11 kugeza kuwa 8/12/1985 : *ibyumweru bibiri*).

## 3. SINODI RUSANGE ISANZWE Y'ABEPISKOPI YO MURI 2023

Nk'uko bisanzwe, inama ya Sinodi igira igice kinini kiyitegura (*phase préparatoire*) kirangwa no kwambaza Roho Mutagatifu mu gusenga mu gihe abantu barimo kwiga ibibazo biba byugarije Kiliziya bagatekerereza hamwe uko Nyagasani yifuza ko basubiza ibibazo bibugarije.

Sinodi Papa yatumije ubu ni iya 30. Izaba mu kwezi k'Ukwakira 2023. Ni Sinodi isanzwe, ikaba ari iya 16 muri za Sinodi rusange zisanzwe. Imirimo yo kuyitegura izamara imyaka ibiri (Ukwakira 2021-Ukwakira 2023). Papa yafunguye cyangwa yatangije iyo mirimo ku mugaragaro i Vatikani ku itariki ya 9 n'iya 10 Ukwakira 2021 aho ku wa gatandatu habaye ibiganiro mbwirwaruhame naho ku cyumweru hakaba misa yo kuyifungura kumugaragaro. Yagennye ko mu madiyosezi yose ku isi uwo muhango waba kuri ubwo buryo uyu wa gatandatu tariki ya 16 Ukwakira no kuri iki cyumweru tariki ya 17 ukwakira 2021.

Ariko mbere y'ibyo hari inama nyinshi zabaye z'imyiteguro. Muri zo haje kuvamo inyandiko nyinshi harimo : Document préparatoire, Vademecum, Itinéraire pour la célébration du synode.

Izi nyandiko icyo zigamije ni ugutegura no kwerekana uko imyiteguro ya Sinodi izagenda.

### 3.1. Uko imirimo ijyanye na Sinodi izakorwa

Imirimo igendanye n'iyi Sinodi izakorwa mu byiciro bine.

#### *3.1.1 Gufungura imirimo y'imyiteguro ya Sinodi : Ukwakira 2021*

- ✓ Iki gikorwa cyabereye i Roma gikorwa na Papa ku itariki ya 9 n'iya 10 Ukwakira 2021.
- ✓ Iki gikorwa cyo gufungura imirimo ya Sinodi kirabera kandi mu madiyosezi yose kuri iyi tariki ya 16 n'iya 17 Ukwakira 2021.

Uwa gatandatu wagenewe ibiganiro byo kungurana ibitekerezo naho ku cyumweru hakaba Igitambo cy'Ukarisitiya cyo gufungura imirimo ku mugaragaro. Hano iwacu iyo misa izabera kuri Katedrali ya Ruhengeri i saa tatu.

#### *3.1.2 Icyiciro cy'imirimo izakorwa mu madiyosezi (Phase dans les églises particulières et autres réalités ecclésiales) : Ukwakira 2021-Mata 2022*

Ikigamijwe muri iki cyiciro ni ukujya inama, kungurana ibitekerezo no kubikusanya kugira ngo Sinodi izabe igikorwa cyo gutega amatwi ababatijwe bose.

Mu buryo bwo gufasha iryo kusanyabitekerezo no kwinjira muri icyo gikorwa ku bagize umuryango w'Imana bose, hari icyo buri rwego ruzakora.

*Ibiro bikuru bya Sinodi i Roma*

- ✓ Byateguye inyandiko y'ibanze (document préparatoire) isobanura icyo Sinodi aricyo inerekano uko ikusanyabitekerezo rizagenda.

*Muri buri diyosezi*

- ✓ Umwepiskopi ashyiraho abashinzwe gukurikirana icyo gikorwa. Nashyizeho Padiri Michel NSENGUMUREMYI na Padiri Cassien MULINDAHABI ngo bakurikirane bya hafi icyo gikorwa.
- ✓ Hazabaho kujya inama no gukusanya ibitekerezo.

Aha rero ndagira ngo mbasabe kuzitabira gahunda zose zizabwa kugira ngo imyiteguro y'iyi Sinodi izagende neza. Ndifuza ko iki gihe kizaba icyo kurangwa na gutega amatwi Roho Mutagatifu mu isengesho. Ni nayo mpamvu twatangiye iyi gahunda tumwiyambaza. Gutega amatwi abo muzakorana mu matsinda kugirango mwumve neza ibitekerezo byabo byubaka kandi namwe mubyuzurize muyobowe mwese na Roho Mutagatifu. Iki gihe gitegura Sinodi ni igihe cyo kungurana ibitekerezo, gutega amatwi no gushishoza kugira ngo Roho w'Imana tuzumve icyo atubwira dukora ubu muri Kiliziya ku bibazo bitandukanye byugarije Kiliziya by'ubwihariko n'isi muri rusange. Birasaba rero ugushyira hamwe, buri wese akagiramo uruhare, no gushishikarira ubutumwa yitanga muri iki gikorwa.

Ndabasaba ko mu matsinda atandukanye, muzajya murangwa no kwambaza Roho Mutagatifu, kugira ngo amurikire buri wese noneho bityo buri wese ashobore gutanga ibyo Roho w'Imana amubwirije byubaka umuryango wacu ariwo Kiliziya.

Hari ibibazo bizigirwa mu matsinda bizabageraho mu minsi iri imbere. Kugira ngo Diyosezi yacu izashobore gutanga imyanzuro izashingirwaho muri Sinodi i Roma, ndabasaba kurangwa n'isengesho, mu matsinda, iwanyu mu ngo na buri muntu ku giti cye ashingiye ku mubano afitanye n'Imana. Ntihazagire uwisuzugura ngo atatanga icyo Roho w'Imana amubwiye kuko mu bihe bikomeye hari ubwo Imana ikoresha abaciye bugufi bakabona inzira z'ibibazo by'inzitane umuryango uba urimo bigakemuka.

*Muri buri Nama y'Abepiskopi*

- ✓ Naho hashyirwaho abashinzwe gukurikirana igikorwa cy'imyiteguro ya Sinodi.
- ✓ Hazabaho kujya inama no gukusanya ibitekerezo muri buri diyosezi bizasozwa n'inama, nyuma yaho buri diyosezi ikore inyandiko ikusanya ibitekerezo byayo ibyohereze mu Nama y'Abepiskopi.

*Ku rwego rw'Inama y'Abepiskopi: Mbere ya Mata 2022*

- ✓ Abepiskopi bazagira akanya ko kungurana ibitekerezo bategа amatwi icyo Roho Mutagatifu ababwira.
- ✓ Hazakorwa ikusanyabitekerezo bazashyikiriza ibiro bikuru bya Sinodi i Roma

*Ibindi biro binyuranye (dicastères):* Nabyo bizatanga ibyo bizaba byakusanyije.

*Ibiro bikuru bya Sinodi i Roma*

- ✓ Bizategura inyandiko (*instrumentum laboris*): Mbere ya Nzeri 2022.

#### ***3.1.3 Icyiciro cy'imirimo ku rwego rw'imigabane y'isi (phase continentale) : Nzeri 2022-Werurwe 2023***

Iki cyiciro kizarangwa no kujya inama no kuganira ku rwego rw'imigabane y'isi hagendewe ku nyandiko y'ibanze instrumentum laboris.

*Ibiro bikuru bya Sinodi i Roma*

- ✓ Bizohereza instrumentum laboris.

*Mu miryango mpuzamahanga*

- ✓ Buri muryango uzagira abakurikirana igikorwa cya sinodi.
- ✓ Hazabaho ibiganiro bisozwe n'inyandiko ihiniyemo ibyagezweho

Inzobere nazo zishobora guhura zigatanga umuganda wazo.

*Ibiro bikuru bya Sinodi i Roma*

- ✓ Bizategura indi nyandiko (instrumentum laboris ya kabairi): mbere ya Kamena 2023

### *3.1.4 Icyiciro cya Kiliziya y'isi yose (Sinodi nyirizina): ukwakira 2023*

*Ibiro bikuru bya Sinodi i Roma*

- ✓ Bizoherereza abazaba barateganijwe kujya muri Sinodi inyandiko instrumentum laboris ya kabiri.

*Sinodi nyirizina*

- ✓ Mu kwezi k'Ukwakira 2023, Sinodi izabera i Roma

## 3.2. Sinodi y'Abepiskopi 2023 mu ncamake

Iyi sinodi twinjiyemo, ifite insanganyamatsiko igira iti « ***Kiliziya igendera hamwe (ishyize hamwe) : Mu bumwe, mu bufatanye no mu butumwa*** » ***(Pour une Eglise synodale : Communion, participation et mission »***. Aya magambo uko ari atatu ni ingenzi.

Ku itariki ya 9 Ukwakira 2021, Papa Fransisko yagarutse ku magambo ya Mutagatifu Papa Yohani Pawulo II yavuze asoza Sinodi yo mu mwaka w'1985, aho agira ati «  Birakwiye ko Kiliziya ihimbaza za Sinodi zisanzwe, byaba ngombwa igahimbaza n'izidasanzwe. Kugira ngo zigire umusaruro, zigomba gutegurwa neza. Ni ngombwa ko za diyosezi zinjira muri icyo gikorwa cy'imyiteguro, buri wese akabigiramo uruhare » Papa Fransisko yongeyeho ko guhimbaza sinodi ari ikintu cyiza cyane kandi gifite agaciro gakomeye. Ariko Sinodi yera imbuto iyo ibaye ijwi rizima rya Kiliziya rishingiye ku muganda wa buri wese (Ijambo rya Papa ryo kuwa 9/10/2021 pg 2).

Nk'uko Papa Fransisko yabyibukije kandi kuri iyo tariki ya 9 Ukwakira 2021 mu ijambo yavuze atangiza imirimo yo kwitegura iyi Sinodi, « Sinodi ntabwo ari inteko ishinga amategeko, nta n'ubwo ari iperereza ku bitekerezo. Sinodi ni igihe cya Kiliziya, kandi Roho Mutagatifu niwe uri ku isonga yayo. Roho Mutagatifu abuzemo ntibiba bikiri sinodi ».

Uwo Roho Mutagatifu tuzamutege amatwi atuyobore. Tuzumve icyo atubwiriza kugira ngo tugitange nk'umuganda wacu tugamije kubonera inzira n'ibisubizo ibibazo byugarije isi na Kiliziya. Buri wese azitange uko ashoboye kugira ngo Diyosezi yacu izatange umuganda wayo mu butumwa bwa Kiliziya y'isi yose.

Muri urwo rugendo, mbaragije Umubyeyi Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima.

Murakoze.

**✠Vincent HAROLIMANA**
**Umwepiskopi wa Diyosezi ya RUHENGERI**